UYU MUNSI UMWEPISKOPI YASOMEYE MISA KURI PARUWASI STELLA MARIS GISENYI

Tariki ya 01 Mutarama 2018, ku munsi mpuzamahanga wa 51 w'Amahoro, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yaturiye igitambo cy'Ukaristiya kuri Paruwasi ya Stella Maris Gisenyi; anashyikiriza abakristu ubutumwa Nyirubutungane Papa Fransisko yabageneye kuri uyu munsi. Muri uru ruzinduko rwe muri Paruwasi ya Gisenyi, yasomye Misa ya gatatu, yaboneyeho kwifuriza abakristu ba Paruwasi ya Gisenyi umwaka mushya muhire wa 2018, aboneraho n'umwanya wo kubashimira uruhare bagize mu gikorwa cy'Ihuriro ry'urubyiruko ku nshuro ya 16 ryakiriwe na Diyosezi yacu ya NYUNDO.

01/01/2018 12:57

Nyuma y’Igitambo cy’Ukaristiya Umwepiskopi yashimiye Abasaserdoti uruhare bagize muri Forum y’urubyiruko. Ashimira nanone abakristu bitanze ku buryo bunyuranye ku girango Forum igende neza. Yashimiye abakiriye urubyiruko mu ngo zabo. Abashimira umutima mwiza babikoranye, kandi abashimira ukuntu urubyiruko rwatashye rwishimiye uko rwakiriwe muri Diyosezi yacu ya Nyundo. Yarangije abifuriza umwaka mushya muhire wa 2018 abifuriza ko uyu mwaka wazababera uwamahoro n’ibyishimo; dore ko yari amaze kubaha ubutumwa bwa Nyirubutungane Papa Fransisko buvuga ku mahoro.

Padiri Jean Marie KWIZERA